RWANDA EDUCATION BOARD
P.O Box 3817 KIGALI
Telephone : (+250) 255121482
E-mail: info@reb.rw
Website: www.reb.rw

Kigali ku wa ..16..../..11.../2020
N°:..3772/REB /TDM& CGC/20

Madamu/Bwana Umuyobozi w' Akarere (Bose)
Madamu/Bwana Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere (Bose)

Impamvu: Urutonde rw'abarimu bashya bashyizwe mu myanya n'abatarashyirwa mu myanya

Madamu/Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku Iteka rya Perezida N° 064/01 ryo ku wa 16/03/2020 rishyiraho Sitati Yihariye igenga abarimu b'amashuri y'Incuke, Abanza, Ayisumbuye n'ay'Imyuga n'Ubumenyingiro mu ngingo ya 19, Mbohereje urutonde rw'abarimu bashya bashyizwe mu mashuri Abanza n'Ayisumbuye y'ubumenyi rusange (General education) yo mu Karere mubereye umuyobozi.

Mu rwego rwo gukomeza gufatanya mu gikorwa cyo gushaka no gushyira mu myanya abarimu ari nako hubahirizwa ibiteganwa n'amategeko, ndabasaba ibi bikurikira:

- Kumenyesha abarimu batsinze bakaba bari ku rutonde rw'abatarashyirwa mu myanya, ko igikorwa gikomeje kandi na bo bazashyirwa mu myanya aho izaba ibonetse kandi bidatinze.
- Gufasha abarimu bashya bashyizwe mu myanya basabye guhinduranya ibigo byo mu Karere mubereye umuyobozi mugihe bafite impamvu zumvikana, aho bagiye hakaba hari umwanya kandi aho bari bashyizwe naho hari abandi babasimbuye bari k'urutonde rw'abahawe imyanya;
- Gusaba abarimu bashya kuzuza ibyangombwa bisabwa no kugenzura ko impamyabumenyi/impamyabushobozi zabo zatanzwe n'amashuri yemewe mbere yo guhabwa amabaruwa abashyira mu kazi;
- Kugeza kuri REB bitarenze ku wa 30/11/2020 raporo y'abarimu bahawe amabaruwa abashyira mu kazi, abahinduriwe ibigo ndetse n'batarayahawe n'impamvu batayahawe;
- Akarere n'ubuyobozi bw'ibigo by'amashuri yisumbuye murasabwa gukora isesengura ryimbitse kandi ryihuse ku myanya itarabonye abarimu kandi hakiri abatsinze ibizamini batarabona imyanya mushingiye ku rutonde rw'abatabonye imyanya mukohereza raporo bitarenze kuri uyu wa gatanu taliki ya 20/11/2020 kugirango bashobore kujya muri iyo myanya byihuse.

RWANDA EDUCATION BOARD
P.O Box 3817 KIGALI
Telephone : (+250) 255121482
E-mail: info@reb.rw
Website: www.reb.rw

- Gufasha abarimu bashya kwimenyereza umwuga wo kwigisha;
- Amabaruwa ashyira abarimu mu kazi azatangirana n' itariki ya 01/12/2020. Muri ibi by'ibyumweru bibiri abarimu bashya bazaba bari gushaka ibyangobwa bisabwa kugira ngo umwarimu atangire akazi.

Mugire amahoro.

Dr. SEBAGANWA Alphonse
Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo

Bimenyeshejwe:

- Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi
- Nyakubahwa Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe ICT na TVET
- Bwana Umunyamabanga Uhoraho/MINEDUC
- Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
- Madamu/Bwana Guverineri w'Intara (Bose)